Irushanwa ku kwandika inkuru nziza ku butwari; ibihembo bishimishije birateganyijwe

Umunsi w'Intwari uregereje. Mu rwego rwo kuwizihiza, Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe rwateguye irushanwa ryo kwandika inkuru ku butwari, ndetse n'ibihembo bishimishije biratenganyijwe.

Inkuru ku butwari zizagenerwa ibihembo zigomba kuba zujuje ibi bikurikira:

1) Kutarenza amagambo 1200.(format ya 'word')

2) Kuba yanditse mu Kinyarwanda cyumvikana kandi itarimo amakosa.

3) Ishobora kuba inkuru mpamo cyangwa igitekerezo ariko kiganisha ku butwari.

4) Kuzohereza inkuru bitarenze tariki 29 Mutarama 2017.

5) Inkuru zose zoherezwa kuri email ikurikira: info@cheno.gov.rw

Ibihembo bitegenyijwe mu buryo bukurikira:

- Igihembo nyamukuru: 150,000frw

- Igihembo cya kabiri: 50,000frw

- Igihembo cya gatatu: Imipira myiza yo kwambara

Ibyo wamenya ku nkuru zikenewe

-Inkuru zirata ubutwari, haba mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi, muri jenoside na nyuma yayo.

-Ubuhamya bw'umuntu wafashijwe mu buryo bwa gitwari.

-Igitekerezo (fiction) cy'ubutwari.

Abazahiga abandi bazahamagarwa ku murongo wa telefoni.